



Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Musanze

INYANDIKOMVUGO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

YATERANYE KU WA 30/06/2024

Tariki ya 30/06/2024 guhera saa tatu (9:00AM) za mu gitondo, ku biro by'Akarere ka Musanze hateraniye inama isanzwe y'Inama Nyanama y'Akarere iyobowe na Perezida wayo, Bwana **NDAYAMBAJE Michel**.

Inama yatangiye haririmba indirimbo y'Igihugu cyacu ikurikirwa n'isengesho, hanyuma Umuyobozi wayo aha ikaze abayitabirye.

KU MURONGO W'IBYIGWA HARI INGINGO ZIKURIKIRA:

1. Kugezwaho no kwemeza inyandikomvugo y'Inama isanzwe y'Inama Nyanama y'Akarere yo ku wa 27/03/2024 n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafatiwemo;
2. Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2023-2024;
3. Kugezwaho raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu (6) by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere;
4. Raporo za Komisiyo zihoraho z'Inama Nyanama y'Akarere;
5. Gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere, umwaka wa 2024-2025;
6. Ibindi

M

ISESENGURANGINGO:

INGINGO ZIZWEHO	INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO	IBYEMEZO BYAFASHWE
<p>1. Kugezwaho no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'inama Niyinama y'Akarere yo ku wa 27/03/2024 n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafatiwemo;</p>	<p>-Umunyamabanga w'Inama Niyinama y'Akarere, Madamazela ITUZE Nicole yagejeje ku Bajyanama inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Niyinama yateranye ku wa 27/03/2024, hanyuma Umuyobozi w'Akarere, Bwana NSENGIMANA Claudien ageza ku bitabirije inama ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yayifatwemo. Inama Niyinama yashimye ibikubiye muri iyo raporo.</p>	<p>-Abitabirije inama y'Inama Niyinama bagejejweho inyandiko mvugo y'inama iteruka yo ku wa 27/03/2024 n'ibyemezo byayifatwemo, barabyemeza. -Inama y'Inama Niyinama yashimye aho ibyemezo bigeze bishyirwa mu bikorwa, ariko isaba ko icyemezo cyo kugaruza amafaranga yanyerejwe ku Kigo Nderabuzima cya Karwasa gikurikiranwa neza kigashyirwa nk'uko cyemejwe. [Cfr icyemezo N° 03/2024/087 cyo ku wa 27/03/2024]. -Inama y'Inama Niyinama irasanga icyemezo cyafashwe cyo kumenya no kubyaza umusaruro imitungo y'Akarere idakoresha kitarashyirwa mu bikorwa, bityo irasaba ko gikurikiranwa mu gihe kingana cy'ukwezi kumwe(1), Akarere kakazaba gafite gahunda isobanutse yo kubyaza umusaruro iyo mitungo. [Cfr icyemezo N°12/2023/077 cy'inama y'Inama Niyinama yo ku wa 28/12/2023]</p>
<p>2. Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere, umwaka</p>	<p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku nama y'Inama Niyinama ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere, umwaka wa 2023-2024.</p>	<p>Inama y'Inama Niyinama yashimye uko Akarere ka Musanze gashoje umwaka gahagaze mu mihigo.</p>

M



INGINGO ZIZWEHO	INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO	IBYEMEZO BYAFASHWE
<p>wa 2023-2024;</p>	<p>1. Imihigo y'ubukungu: 35 -Imihigo 34 yareshejwe 100%. -Umuhigo 1 ugeze ku kigero cya 75-99.9%.</p> <p>2. Imihigo y'imibereho myiza y'Abaturage: 67 -Imihigo 58 yareshejwe 100% -Imihigo 9 igeze ku kigero cya 75-99.9%.</p> <p>3. Imihigo yo mu miyoboreze myiza: 24 -Imihigo 22 yareshejwe 100% -Umuhigo umwe (1) ugeze ku kigero cya 75-99.9%. -Umuhigo umwe (1) igeze ku kigero cya 50-74.9%. Umwaka usoje imihigo 114/126 90.48%) yeshajwe 100%, imihigo 11 iri ku kigero cya 75-99.9%, umuhigo 1 uri kuri 55%.</p>	<p>Imihigo myinshi yeshejwe 100%; muri rusanze imihigo yose yeshejwe ku gipimo kirenga 90% n'ubwo hari icyo Akarere gasaba gushyiramo imbaraga umwaka ugutangira irimo kurangiza Imanza zabaye itegeko, gusezeranya imirango ibana itarasezeranye, ubwisungane mu kwivuza n'iyindi isaba ubukangurambaga bw'abaturage.</p>
<p>3. Kugezwaho raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu (6) by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere;</p>	<p>Buri wese mu bagize Komisiye Nyobozi y'Akarere Umuyobozi w'Akarere, yagejeje ku nama y'Inama Nyinama ibikorwa byakozwe biyanye n'inshingano ze nk'uko ziteganywa n'itegeko N° 065/2021 ryohywe kuwa 09/10/2021 rigenga Akarere, mu ngingo yaryo ya 35, 36 na 37 zigana inshingano z'Umuyobozi w'Akarere, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu n'izi Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage.</p> <p>Abitabiriyeye inama bashimye ibikorwa bimaze kugerwaho mu Karere mu mezi atandatu, basaba Komite Nyobozi gukomeza gushyiramo imbaraga, baharanirira iterambere ry'Akarere kandi umuturage akaba ku isonga.</p>	<p>Inama y'Inama Nyinama yashimye uko abagize Komite Nyobozi bashyira mu bikorwa inshingano zabo n'uburyo bamenyereye vuba mu nshingano nshya. Basabwe gukomereza aho kandi bagakomeza umuco wo kujya inama.</p>

H



INGINGO ZIZWEHO	INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO	IBYEMEZO BYAFASHWE
<p>4. Raporo za Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama y'Akarere;</p>	<p>Ibikorwa byakozwe na za Komisiyo zihoraho mu gihembwe cya kane(4), umwaka wa 2023-2024:</p> <p>➤ Komisiyo y'Imari n'iterambere ry'ubukungu:</p> <p>Umuyobozi wa Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu yagejeje ku bitabirye inama ibyakozwe na Komisiyo:</p> <p>Mu kwezi kwa Mata 2024: hasuzumwe aho imihigo y'Akarere igeze ishyirwa mu bikorwa.</p> <p>Mu kwezi kwa Gicurasi 2024: abagize Komisiyo basuzumye:</p> <p>-Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo,</p> <p>-Ubusabe bw'abaturage bo mu Mudugudu wa Susa, Akagari ka Ruhengeri, Umurenge wa Muhoza basaba kurengeanurwa ku muhanda wafunzwe ujya muri site batuyemo, abagize Komisiyo basabye Umuyobozi w'ishami rya OSC ku Karere n'abatekinisiye kugikemura, bakazaha Komisiyo raporo.</p> <p>Mu kwezi kwa Kamena 2024, Komisiyo yasuzumye:</p> <p>-Sites z'imiturire 4 ariko hemezwa site 1 ya Bubandu yo mu Kagari ka Bukinanyana, Umurenge wa Cyuwe. muri izindi sites 3 zizabanza gusurwa na Komisiyo.</p> <p>-Ubusabe bw'Akarere bwo kuwa 18/06/2024 bujyanye no gusiba inguzanyo zahawe abagenewabikorwa ba VUP/FS (old loan) mu Murenge wa Musanze mu bitabo by'ibaruramari(written off) zananiranye kwishyurwa. Abatishoboye bafite umwenda ungana na frws 843,500ari mu byiciro bitatu (3):</p> <p>-Abapfuye 9 bafite amafaranga angana ni frws 62,800;</p> <p>-Abantu 46 bari mu bukene bukabije bafite umwenda ungana na frws 657,700;</p>	<p>06/2024/088: Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu imaze kugeza ku nama y'Inama Njyanama ibisobanuro birambuye ku gishushanyo mbonezamiturire (physical plan) cya site ya Bubandu ihereye mu Kagari ka Bukinanyana mu Murenge wa Cyuwe, abitabirye inama y'Inama Njyanama bemeje ko igishushanyo mbonezamiturire cya site ya Bubandu gitangira gushyirwa mu bikorwa.</p> <p>06/2024/089: Bamaze gusesengura byimbitse, bakabona ko inguzanyo za kera VUP/FS(old loan) zahawe abagenewabikorwa mu Murenge wa Musanze zingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi Magana inani mirongo ine na bitatu na magana atanu (843,500 frws) zidashobora kwishyurwa ku mpamvu z'uko abantu 9 bapfuye, abaturage 46 bari mu bukene bukabije naho abandi 11 bimukiye ahandi kandi hatazwi, Abajyanama bemeje ko izi nguzanyo za kera zihwanye n'amafaranga yavuzwe haruguru zihanagurwa mu bitabo by'ibaruramari.</p>

M



INGINGO ZIZWEHO	INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO	IBYEMEZO BYAFASHWE
	<p>-Abantu 11 bimukiye ahandi hatazwi bafite umwenda ungana na frws 123,000.</p> <p>Akarere karasaba ko izi nguzanyo za kera zidashobora kwishyurwa zasibwa mu bitabo by'ibaruramari.</p> <p>➤ Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza:</p> <p>Umuyobozi wa Komisiyo y'imibereho myiza, Bwana Gasana Vedaste yatanze amakuru ku byakozwe mu gihembwe cya kane (4), umwaka 2023-2024.</p> <p>1. Mu kwezi kwa Mata 2024, Komisiyo yasuye abagenewabikorwa bo mu Murenge wa Remera hagamiye gusuzuma uko gahunda zo gufasha abatuye batishoboye no kubakura mu bukenne zihagaze. Basanze babyaza umusaruro gahunda zo kubakura mu bukenne kandi barashima Leta ibitaho</p> <p>2. Mu kwezi kwa Gicurasi 2024, Komisiyo yasuye Imidugudu y'icyitegererezo wa Gatovu (IDP Model Village) mu Murenge ya Gataraga no mu Murenge wa Kinigi (New IDP Model Village) hagamiye kureba imibereho y'abaturage batujwe muri iyi Midugudu.</p> <p>Ibyagaragaye mu Mudugudu wa Gatovu:</p> <ul style="list-style-type: none"> -Amazu amwe atarahawe umuriro, -Imiryango 20 itarahawe inka n'abavuga bo bazihawe ariko zikaba zaribwe. -Ibikumba byubatswe hasigayemo inka 4 gusa, abandi bavugaga 	<p>06/2024/090: Abitabiriye inama y'inama Niyinama y'Akarere, bamaze kubona ko aho irimbi ry'Akarere riri ubu hadakwirye kuko ari mu marembo y'umujyi wa Musanze ndetse hariye gushyirwa ibindi bikorwa byubukerarugendo ku mugezi wa Mukungwa, bemeje ko irimbi ry'Akarere ryari risanzwe mu Mudugudu wa Mukungwa, Akagari ka Kabilizi mu Murenge wa Gacaca nyimurirwa ku butaka bwa Leta bufitse U.P1:4/03/03/13271 n'ubuso bungana na Ha1.83 buherereye mu Mudugudu wa Mata, Akagari ka Kabilizi mu Murenge wa Gacaca.</p> <p>06/2024/091: Mu rwego rwo gukurikirana ibibazo byagaragaye muri raporo z'ubugenzuzi bwakorewe ibigo biri mu Karere n'ubw'imbere mu Karere, inama y'inama Niyinama yemeje ko Komite Ngenzuzi izakora umwihenero w'iminsi ibiri(2), igatumaho abantu bose bavugwa muri za raporo z'ubugenzuzi buri wese agatanga ibisobanuro ku makosa yagaragajwe muri izo raporo.</p>

N



INGINGO ZIZWEHO	INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO	IBYEMEZO BYAFASHWE
	<p>ko baziragije.</p> <p>-Isuku nke kubera no kutita mu mazu batuyemo, ibirahuri byaramenutse n'ibindi.</p> <p>-Abana 64 bataye ishuri, ababyeyi basabwe gusubiza abana mu ishuri)</p> <p>-Imiryango 4 ibana mu makimbirane, basabwe ko bakwiyunga bakabana neza binyujijwe mu migoroba y'umuryango.</p> <p>Ibibazo biri mu Mudugudu wa Kinigi (New IDP MV):</p> <p>-Fagitire zamazi n'umuriro byatumye bashyirwa muri CRB kandi ataribo bakoresheje ayo mazi,</p> <p>-Abatuyemo nta byangombwa by'amazu bafite kandi baratanze ingurane,</p> <p>-Amatara yo muri corridor akurura umuriro cyane,</p> <p>-Abatuye hafi ya za corridor baravirwa cyane.</p> <p>-Abaturage 5 banze kwimukira mu Mudugudu kandi inzu zabo zihari zirimo ibikoreho, bikaba bishobora kwibwa.</p> <p>3. Mu kwezi kwa Kamena 2024, Komisiyo yagenzuye isuku mu Mirenge ya Cyuve na Muhoya, hasurwa udusoko 2 na za butike kuri santeri ku ngagi aho bakora isuku rimwe mu cyumweru mu gitondo cy'isuku bigatuma usanga hari umwanda, bagiriwe inama yo gukora isuku buri munsu.</p> <p>Hasuwe kandi Ikigo cy'amashuri cya APICUR gifite ibibazo bikurikira:</p> <p>-Ikigo kirashaje harimo n'isuku nkeya;</p> <p>-Ibiti bikuze cyane bishobora gutera impanuka;</p> <p>-Dortoir y'abakobwa harimo ubucucike nta mwuka urimo;</p>	

M



INGINGO ZIZWEHO	INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO	IBYEMEZO BYAFASHWE
	<p>-Bashyira imyanda hafi naho abanyeshuri barara kandi imyanda ivangavanze ndetse idafundikiye;</p> <p>-Umwanda aho abana bafatira amafunguro;</p> <p>Kuri uwo muni hagenzuwe isuku kuri stade no mu mazu ari imbere ya stade, Komisiyo yasanze inyuma y'ayo mazu hari ahantu bamenya imyanda n'amazi yo muri za salon de coiffures biteje umwanda. Bagiriwe inama yo kuhakora isuku.</p> <p>➤ Komisiyo y'Imiyoboreze Myiza:</p> <p>Umuyobozi wa Komisiyo y'imiyoboreze myiza, Madamu Nyiramugisha Denyse yatanze amakuru ku bikorwa by'igihembwe cya kane (4), umwaka 2023-2024.</p> <p>Muri Mata, Gicurasi na Kamena 2024, abagize Komisiyo barateranye nk'uko bisanzwe. Komisiyo yasuye ubutaka buzimurirwaho irimbi ry'Akarere mu Murenge wa Gacaca, Akagari ka Kabirizi, Umudugudu wa Mata, ni ubutaka bwa Leta bufitte ubuso bungana na Ha 1.83. Umuhanda ujyayo ukeneye gukorwa ndetse hagatunganywa na parking</p> <p>Komisiyo yasuye Umurenge wa Gataraga hagamiye kurena imikorere y'abunzi, byagaragaye ko badakora neza, biri mu byatumye Inama Niyinama y'umurenge wa Gataraga ihagarika bamwe muri bo ariko idashishoje byimbitse.</p> <p>Komisiyo yasabye ko ubuyobozi bw'Akarere bwakurikirana imikorere y'Inama Niyinama y'Umurenge wa Gataraga n'abunzi kugirango hatangwe umurongo mwiza watumye imikorere irushako gutanga umusaruro n'ahari icyuho cyikaba cyavamo.</p>	

N



INGINGO ZIZWEHO	INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO	IBYEMEZO BYAFASHWE
	<p>➤ Komite Ngenzuzi (Audit Committee):</p> <p>Komite Ngenzuzi yateranye isuzuma ingingo zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama yabaye tariki ya 22/03/2024 2. Raporo y'ubugenzuzi bw'imbere mu Karere bwari bugamije kureba imikoreze y'ibijyanze n'amasoko n'ibigo by'amashuri ku bijyanze na school feeding (CS Nyarubuye, CS Migeshi, CS Kabere na CS Susa) 3. Ibindi. <p>Muri rusange haba ku kurebe ku myanzuro y'inama yabaye ubushize no ku bugenzuzi bw'imbere mu Karere, abagize komite basanzemo ibibazo bine (4) by'ingenzi:</p> <ul style="list-style-type: none"> -Ikibazo kijyanze n'uburiganya muri school feeding aho usanga amashuri imibare batanga y'abanyeshuri n'ibyo kurya bakeneye itandukanye. -Ikindi Umuyobozi wa Centre Scolaire Nyarubuye mu Murenge wa Rwaza ntaho aheruka mu kazi bigatuma imikoreze itagenda neza, abagize Komite bagaragarirwe ko afite uburwayi bwo mu maguru. -Ikibazo cy'Umuyobozi wa Centre Scolaire ya Migeshi afite ikibazo cya pararize yo mu mutwe bigatuma ibyemezo afata biba bihubutse kandi bigatuma akoresha kandi ntaboneke neza mu kazi. -Umuyobozi wa Centre Scolaire ya Bisate na we afite ikibazo cyo mu mutwe. 	

4



INGINGO ZIZWEHO	INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO	IBYEMEZO BYAFASHWE
<p>5. Gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere, umwaka wa 2024-2025</p>	<p>Umuyobozi wa Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yagejeje ku nama y'Inama Nyanama umushinga w'ingengo y'imari, umwaka wa 2024-2025.</p> <p>Yatangiyeye avuga ko ingengo y'imari y'umwaka ushize wa 2023-2024 yari miliyari 44,177,254,532, iyi ngengo y'imari kugeza ubu ikaba yari imaze gukoresha ho amafaranga angana na 37,963,673,294 bingana na 86%.</p> <p>Hashingiye ku mafaranga yakiriye n'Akarere amaze gukoresha ari ku kigero cya 98%.</p> <p>Ingengo y'imari y'umwaka wa 2024-2025 ni Miliyari mirongo ine n'eshatu miliyoni ijana na mirongo irindwi n'icyenda ibihumbi magana tanu na bine n'amafaranga magana atanu makumyabiri n'abiri (43,179,504,522Frws), ugeraranyije n'ingengo y'imari y'umwaka urangiye 2023-2024 ingengo y'imari yagabanutseho Frws 997,750,010 bivuze yagabanutseho 2.2%. Impamvu yo kugabanuka kw'ingengo y'imari ni uko muri iyi ngengo y'imari nshya nta mishinga minini yahawe amafaranga ikindi nta mashuri azubakwa.</p> <p>Ingengo y'imari y'umwaka 2024-2025 ikaba iri mu byiciro bitatu (3) aribyo:</p> <ul style="list-style-type: none"> -Amafaranga y'imishahara (wages and salaries) ingana na 19,877,614,704Frws bikaba bingana na 46% by'ingengo y'imari yose akaba ari nayo menshi. -Amafaranga yo kwifashisha (running cost) angana na 9,362,602,571Frws bingana na 22% y'ingengo y'imari yose. 	<p>06/2024/092: Inama y'Inama Nyanama imaze kugezwaho ibikubiye mu mushinga w'ingengo y'imari y'Akarere, umwaka wa 2024-2025, yemeje ko ingengo y'imari ari Miliyari mirongo ine n'eshatu miliyoni ijana na mirongo irindwi n'icyenda, ibihumbi magana atanu na bine n'amafaranga magana atanu makumyabiri n'abiri (43,179,504,522Frws). Iyi ngengo y'imari yatowe n'Abajyanama bose uko bari bitabiriye inama y'Inama Nyanama.</p> <p>06/2024/093: Inama Nyanama imaze kugezwaho gahunda yitangwa ry'amasoko (Procurement Plan) mirongo ine na rimwe (41) yayishimye, irayemeza maze isaba ko yubahirizwa kugira ngo ibikorwa biteganyijwe byose bizakome neza kandi ku gihe.</p> <p>06/2024/094: Inama y'Inama Nyanama yemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro (tarif) by'Umwaka wa 2024-2025.</p>


M



INGINGO ZIZWEHO	INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO	IBYEMEZO BYAFASHWE
	<p>-Amafaranga y'ingengo y'imari yiterambere(development) angana na 13,939,287,247Frws bingana na 32% by'ingengo y'imari yose.</p> <p>Abitabiriyeye inama y'Inama Niyanamama bagaragarijwe gahunda iteganyijwe y'amasoko 41 azatangwa mu mwaka wa 2024-2025 ndetse na tarif nshya y'imisoro n'amahoro.</p> <p>➤ Kuri tarif, abitabiriyeye inama y'Inama Niyanamama beremeje ko ipantante yo muri gare iba kuri 30,000 frws ijya kuri 60,000 frws kimwe n'ahandi naho igisima cyo mu isoko rishya rya kariyeri kikajya kishyurwa 10,000frws/ku kwezi.</p>	

Inama yasoje imirimo yayo saa cyenda(03:00PM), Perezida w'Inama Niyanamama ashimira abitabiriyeye n'ibitekerezo batanze.

Umwanditsi w'Inama:







ITUZE Nicole
Umunyamabanga w'Inama Niyanamama
y'Akarere ka **MUSANZE**

Umu-yobozi w'Inama:



NDAYAMBAJE Michel
Perezida w'Inama Niyanamama
y'Akarere ka **MUSANZE**

**LISITI Y'ABAJYANAMA B'AKARERE KA MUSANZE BITABIRIYE
INAMA Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE YATERANYE TARIKI YA
30/06/2024**

NO	AMAZINA YOMBI	ICYO ASHINZWE	UMUKONO
1	Mukanyamari Adele	Umujyanama	
2	SAFARI Qumupili	Umujyanama	
3	BIMENYIMANA Faustine	Umujyanama	
4	Habiyambere Jean T. Gasana Vedaste	Umujyanama	
5	KAYIRAWA Theobald	Umujyanama	
6	MURIRUNYONYE Emile	Umujyanama	
7	MUKADISI Florence	Umujyanama	
8	UWANTIRIGIRA Clarine	Umujyanama	
9	GASINABO Athanore	Dc Vice Chairp.	
10	NYIRAMUGISHA Denyse	umujyanama	
11	NYIRAMANA M. Clémence	umujyanama	
12	USENKIRANA Clémence	umujyanama	
13	Michel Ndayambaje	Dc chairperson	
14	Ituze Nicole	Dc Secretary	
15	MUKAMUKIRWA Marie Janvier	Member	
16	ABAYISENGA Emile	Member	
17	NYIRAMUGISHA Denyse	Member	

REPUBLIKA Y'U RWANDA



AKARERE KA MUSANZE

**Icyemezo cy'Inama Njyanama N° 057/07.04.03.CD 2024 cyo kuwa
30/06/ 2024 gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere y'Umwaka wa
2024/2025**

**The District Council Decision N°057/07.04.03.CD 2024 of 30/06/ 2024
determining the District Finances for Fiscal Year 2024/2025**

**Décision du Conseil du District N° 057/07.04.03.CD 2024 du 30/06/
2024
portant Fixation des Finances du District pour la Période de
l'Exercice Fiscal 2024/2025**

**INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA
MUSANZE Y'UMWAKA WA 2024/2025**

**MUSANZE DISTRICT BUDGET
FOR FISCAL YEAR 2024/2025**

**BUDGET DU DISTRICT DE MUSANZE POUR LA PÉRIODE DE
L'EXERCICE FISCAL 2024/2025**



INSANGANYAMATSIKO:

**KWIHUTISHA ITERAMBERE RY'UBUKUNGU
RIRAMBYE BINYUZE MU GUHURIZA HAMWE IMARI
YA LETA IKORESHA NDETSE N'ISHORAMARI MU
GUHANGANA N' INGARUKA Z'IMIHINDAGURIKIRE
Y'IKIRERE NO KUGABANYA IBYUKA BYANGIZA
IKIRERE HAGAMIJWE KUZAMURA IMIBEREHO.**

**THEME: SUSTAINABLE ECONOMIC
TRANSFORMATION THROUGH FISCAL
CONSOLIDATION AND INVESTMENT IN CLIMATE
CHANGE MITIGATION AND ADAPTATION FOR**

**THÈME: TRANSFORMATION ÉCONOMIQUE
DURABLE PAR LA CONSOLIDATION FISCALE ET
L'INVESTISSEMENT DANS L'ATTÉNUATION ET
L'ADAPTATION AU CHANGEMENT CLIMATIQUE
POUR AMÉLIORER LES MOYENS DE SUBSISTANCE.**

ICYEMEZO CY'INAMA NYANAMA N°
057/07.04.03.CD 2024 CYO KUWA
30/06/ 2024 GISHYIRAHO INGENGO
Y'IMARI Y'AKARERE KA MUSANZE
Y'UMWAKA WA 2024/2025

DISTRICT COUNCIL DECISION N°
057/07.04.03.CD 2024 OF
30/06/ 2024 DETERMINING THE
MUSANZE DISTRICT FINANCES
FOR THE FISCAL YEAR 2024/2025

DECISION DU CONSEIL DU DISTRICT
N° 057/07.04.03.CD 2024 DU
30/06/ 2024 PORTANT FIXATION DES
FINANCES DU DISTRICT DE
MUSANZE POUR LA PERIODE DE
L'EXERCICE FISCAL 2024/2025

Abagize Inama Nyanama y'Akarere ka
MUSANZE Mu nama yabo yo kuwa
30/06/ 2024 ;

The District Council Members of
MUSANZE District, in their session
of 30/06/ 2024;

Les membres du Conseil du District de
MUSANZE en leur séance du 30/06/
2024 ;

Bashingiye ku Itegeko Ngenza N°
002/2022.OL ryo Ku wa 12/12/2022
ryerekeye Imicungire y'imari n'umutungo
Bya leta cyane cyane mu ngingo yaryo ya
45,

Pursuant to the Organic Law N°
002/2022.OL of 12/12/2022 on Public
Finance Management especially in its
article 45,

Yu la Loi Organique n° 002/2022.OL du
12/12/2022 portant gestion des Finances
publiques spécialement en son article 45,



Bashingiye ku Itegeko N° 048/2023 ryo
ku wa 05/09/2023 rigena inkomoko
y'imari n'umutungo by'inzege
z'imitegekere y'igihugu zegerejwe
abatwaga cyane cyane mu ngingo yaryo

Pursuant to the Law No 048/2023 of
05/09/2023 determining the sources of
revenue and property of decentralized
administrative entities especially in its
articles 3, 4, 5, 47 and 57;

Yu la Loi No 75/2018 du 07/09/2018
déterminant les sources de revenus et du
patrimoine des entités administratives
décentralisées spécialement en ses articles
3, 4, 5, 47 et 57;

ya 3, iya 4, iya 5, iya 47, n'iya 57;

Bashingiye ku Itegeko N°065/2021 ryo ku
wa 09/10/2021 rigenga Akarere cyane
cyane mu ngingo yaryo ya 10;

Pursuant to the Law N° 065/2021 of
09/10/2021 governing the District
especially in its article 10;

Vu la Loi N° 065/2021 du 09/10/2021
régissant le District spécialement en son
article 10;

Bashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 007/07.01
ryo ku wa 13/07/2023 ryerekeye amategeko
ngengamikorere ashyizwaho n'Inama Njyanama
y'Akarere ;

Ministerial Order N° 007/07.01 of
13/07/2023 relating to rules of
procedure established by the District
Council;

Vu l'Arrêté Ministériel N° 007/07.01 du
13/07/2023 relatif au règlement d'ordre
intérieur établi par le Conseil de District;

BEMBEJE:

ADOPT:

ADOPTENT :

Ingingo ya mbere: Amafaranga
ateganyijwe kwinjira

Article One: Expected revenues

Article premier: Ressources

Hakurikiywe Imbonerahanwe "A" ikurikira,
amafaranga ateganyijwe kwinjira mu Ngenzo
y'Imari y'Akarere ka **MUSANZE** mu gihe
cy'umwaka wa **2024/2025**

In accordance with table "A" below, the
expected total resources for the District
Budget of **MUSANZE** for the fiscal year
2024/2025

Conformément au tableau "A" ci-après, le total
des ressources du Budget du District de
MUSANZE est évalué pour la période de
l'exercice fiscal **2024/2025**



ahwanye na Miliyari mirongo ine n'eshatu miriyoni ijana na mirongo irindwi n'icyenda ibihumbi magana atanu na bine na magana atanu na makumyabiri na biri (43,179,504,522 FRW).

are valued at Fourty three milliards one hundred seventy nine million, five hundred four thousand and five hundred twenty two Rwandan francs (43,179,504,522 FRW).

à Quarante trois milliards cent soixante dix neuf million cinq cent quatre mille cinq cent vingt deux franc Rwandais (43,179,504,522 FRW).

Ibisobanuro birambuye byerekeye ateganyijwe kwinjira mu Isanduku y'Akarere arimo akomoka ku misoro n'andi mafaranga yinjizwa n'Akarere, inkunga ziva mu butegetsi bwite bwa leta ndetse n'inkunga zituruka mu bandi baterankunga batandukanye, biri ku mugeruka wa mbere w'iki cyemezo.

Details of the tax and non tax revenues, grants from Central Government and other resources from donors are given in annex I of this Decision. Les détails des ressources provenant des taxes et non-taxes collectées par le District ainsi que les dons en provenance du Gouvernement Central et des autres bailleurs de fonds sont présentés en annexe I de la présente Décision.

Ayo mafaranga akwirakwijwe ku buryo bukurikira:

These resources are allocated as follows:

Ces recettes se répartissent comme suit :



Imbonerahamwe "A"		Table "A"		Tableau "A"		Umubare
Amafaranga yinjira		RECEIPTS		Recettes		Amount
		Tax Revenue		Impôts		Montant
11	Imisoro		Tax Revenue		Impôt sur le Revenu Locatif	173,543,116
111	Umusoro ku nyungu z'ubukode		Rental Income tax		Impôt sur les biens immobiliers	694,822,144
113	Umusoro ku mutungo utimukanwa		Immovable Property Tax		Droit de patente;	305,963,632
114	Umusoro w'ipatanti;		Trading licence tax;		Les frais perçus par une entité décentralisée	1,861,464,646
14	Amahoro yakirwa n'Urwego rw'Imitegekere y'Igihugu Rwegerejwe		Fees collected by a decentralized entity			

Imbonerahamwe "A"		Table "A"	Tableau "A"	Umubare Amount Montant
	Abaturage			
141	Amafaranga akomoka ku mutungo	Property Income	Revenus sur la propriété	0
142	Amafaranga akomoka ku bintu no ku mirimo ikorwa n'ubuyobozi	Sales Of Goods And administrative Services	Vente de biens et services administratifs	0
143	Amafaranga akomoka ku bihano	Fines, Penalties, And Forfeits	Amendes, pénalités et confiscations	1,861,464,646
144	Impano ziturutse imbere mu gihugu	Voluntary Transfers Other Than Grants	Autres dons provenant des organisations intérieures	
147	Amafaranga akomoka ku mutungo w' Akarere wagurishijwe	Gain on disposal of assets	Profit sur cession de l'actif	
<i>This space was left intentionally</i>				
13	Impano	Grants	Dons	28,352,708,967
137	Impano duhawe n'ibihugu zigenewe imishinga	Grants From Foreign Government	Dons des projets provenant des gouvernements extérieurs	0
138	Impano duhawe n'ibigo mpuzamahanga zigenewe imishinga	Grants From International Organizations	Dons des projets provenant des Organisations Internationales	
139	Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye	Block Grant transfers	Transferts non ciblés	2,889,734,154
139	Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye	Earmarked transfers	Transferts ciblés	25,462,974,813
139	Izindi nkunga zikomoka mu nzego za leta n' amafaranga y' abaterankunga	Transfers from Other Government Agencies	Transferts d'autres agences gouvernementales	9,680,031,159
	Amafaranga azaturuka mu kugurisha imitungo	Proceeds from disposal of tangible fixed assets	Produit sur cession des actifs	0
31	Imari n'imigabane biri imbere mu gihugu	Domestic Financial Assets	Actifs financiers - Intérieurs	
32	Imari n'imigabane biri hanze y'igihugu	Foreign Financial Assets	Actifs financiers - Extérieurs	0
33	Ibintu binyura mu bubiko	Inventory	Avoirs stockés avant consommation	0
34	Imitungo iramba kandi ifatika itari imari n'imigabane	Fixed tangible non-financial Assets	Immobilisations corporelles non financiers	0
35	Imitungo iramba idafatika	Intangible Assets	Immobilisations incorporelles	0
	Inguzanyo	Loans	Emprunts	0
451	Inguzanyo z'igihe kirekire zimbere mu Gihugu	Non-Current Loans- Domestic Loans	Emprunts intérieurs	0
452	Inguzanyo z'igihe kirekire zivuye mu	External borrowing (Foreign Loans)	Emprunts extérieur	



Imbonerahamwe "A"	Table "A"	Tableau "A"	Umubare Amount Montant
mahanga			
Amafaranga yose atarakoreshejwe/yimukanwe	All unused funds/Closing Balances	Tous les fonds non utilisés / Soldes de clôture	2,110,970,859

Article 2 : Dépenses



Conformément au tableau "B" ci-après, les

dépenses totales du District de

MUSANZE pour la période de

l'exercice fiscal **2024/2025**

Article 2: Expenditures

In accordance with table "B" below, the

expenditures of the **MUSANZE** District

during the year **2024/2025**

are valued at **Forty three milliards one**

hundred seventy nine million, five

hundred four thousand and five

hundred twenty two Rwandan francs

(43,179,504,522

FRW).

sont évaluées à **Quarante trois**

milliards cent soixante dix neuf

million cinq cent quatre mille cinq

cent vingt deux franc Rwandais

(43,179,504,522

FRW).

FRW).

(43,179,504,522

FRW).

mwaka wa **2024/2025**

y'imari y'Akarere ka **MUSANZE** mu

amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngenzo

Hakurikijwe imbonerahamwe "B" ikurikira,

gusohoka

Ingingo ya 2: Amafaranga ateganyijwe

FRW).

(43,179,504,522

FRW).

Amafaranga yose urwego rwegerejwe

abatwaga ruteganywa gukoresha

agabanyemo amafaranga akoreshwa mu

ngenzo y'Imari isanzwe igenewe kwishyura

Imishahara, kwishyura ibikoresho n'imirimu

bihabwa urwego rwegerejwe abatwaga mu

The total expenditure of a decentralized Les dépenses totales d'une entité

entity is broken down into current décentralisée sont réparties en dépenses

expenditure to pay salaries and other goods courantes pour payer les salaires et autres

and services consumed by the decentralized biens et services consommés par l'entité

entity, and capital expenditure to finance the décentralisée ainsi que les dépenses en

decentralized entity's development projects as capital pour financer les projets de

kazi ka buri munsi ndetse n'amafaranga
ashorwa mu mishinga y'Iterambere,
akwirakwiywe ku buryo bukurikira:

follows:

développement d'une entité décentralisée
comme suit :



8 Shyira umukono kuri buri paji/Sign on each page/paragraphs ou signes sur chaque page.

Imbonerahanwe "B"	Table "B"	Tableau "B"	Umubare Amount Montant
IGITERANYO			
Amafaranga asohoka	Expenditure	Dépenses	29,240,217,275
21 Imishahara	Compensation Of Employees	Salaires	19,877,614,704
22 Amafaranga yishyura ibintu n'imirimo	Goods And Services	Dépenses sur les biens et services	5,921,817,266
24 Kwishyura inyungu ku nguzanyo	Finance cost	Versement d'intérêts	0
25 Ubufasha ku bigo binyuranye kugirango bihangane n'isoko	Subsidies	Subventions	0
26 Impano zisanzwe ku bigo bya Leta	Grants and other transfers	Dons de l'Etat aux établissements publics	2,933,089,434
27 Inkunga ihabwa abatishoboye	Social assistance	Assistance sociale	444,191,160
28 Andi mafaranga yishyurwa	Other Expenses	Autres dépenses	14,504,711
33 Ububiko bw'ibikoresho	Stocks	Inventory	0
34 Amafaranga akoresha mu kugura ibikoresho birambye	Acquisition of fixed assets	Achat des immobilisations	49,000,000
Ibikorwa by'iteramhere	Development budget	Budget de développement	13,939,287,247
22 Amafaranga akoresha mu kwishyura ibintu n'imirimo	Goods and services	Biens et services	2,552,161,692
26 Imisanzu n'amafaranga yoherezwa	Subsidies and current transfers	Subvention et transferts courants	635,930,501
33 Ibintu biri mu bubiko	Inventory	Avoirs en stock	0
27 Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye	Social benefits	Assistance sociale	1,888,221,197
34 Imitungo iramba kandi ifatika itari imari n'imigabane	Fixed tangible non-financial Assets	Immobilisations corporelles non financiers	8,862,973,857
35 Imitungo iramba idafatika	Intangible Assets	Immobilisations incorporelles	0
Kwishyura imyenda	Repayment of loans	Remboursement des dettes	0
41 Imyenda y'igihe gito yo mu gihugu	Domestic Liabilities	Dettes à court terme intérieures	0
42 Imyenda y'igihe gito yo hanze y'igihugu	Foreign Liabilities	Dettes à court terme extérieures	0
451 Kwishyura imyenda y'imbere mu gihugu	Repayment of LT Loans- Domestic	Remboursement des dettes à long terme intérieures	0
452 Kwishyura imyenda ituruka hanze y'igihugu	Repayment of LT Loans- External	Remboursement des dettes à long terme extérieurs	0

Amafaraŋga azakorehwa n'urwego **Details of the Decentralized Entity** Les d taills des d penses d'une entit 
rwegerejwe abatwage asaranganyijwe **expenditures by budget lines, National** d centralis e sont pr sent es par lignes
hakurikiye imirongo y'ingengo y'imari, **Strategy for Transformation (NSTI), by** budg taires, **Strat gie Nationale** de
Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere sector, by programmes and sub- **Transformation (NSTI), par secteur d'activit ,**
(NSTI), ibyiciro by'imirimo, porogaramu programmes and by economic **par programme et sous-programme et par**
ndetse n'urwego rw'ubukungu nkuko **classification are provided in annex II.** **classification  conomique conform ment  **
umugereka wa II ubyerekana. **l'annexe II.**





Republic of Rwanda
Northern Province
Musanze District

**IBIPIMO BY'AMAHORO BISHYA, BYEMEJWE MU NAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA
Y'AKARERE KA MUSANZE YO KU WA 30 KAMENA 2024,UMWAKA W'INGENGO W'IMARI**

WA 2024-2025

Table of Contents

IRIBURIRO	3
I. Inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imategekere y'Igihugu zegerejwe abaturage. ...	3
II. Ibice bigize inkomoko y'umutungo n'imari by'Akarere:	4
II.1. Imisoro n'Amahoro byakirwa n'inzego z'ibanze:	4
II.1.1. IMISORO:	4
II.1.1.1. IGICE CYA MBERE: IMISORO	4
A. UMUSORO K'UMUTUNGO UTIMUKANYWA (PROPERTY TAX)	4
C. UMUSORO KU NYUNGU Z'UBUKODE	5
UMUSORO KU NYUNGU Z'UBUKODE KU BISHYURA INYUNGU ZA BANKI	5
D. UMUSORO W'I PATANTI	6
III. AMAHORO:	9
III.1. IBIPIMO BY'AMAHORO YAKIRWA N'INZEGO Z'IBANZE (Cfr Iteka rya Perezida n° 075/01 ryo ku wa 04/12/2023)	9
III.1.1. AMAHORO KURI PARKING RUSANGE YO KU MUHANDA (ART 7)	9
III.1.3. AMAHORO KURI PARKING RUSANGE YUBAKIYE (Art.8)	9
III.1.4. AMAHORO KURI PARIKINGI Z'UBWATO (Art. 9)	10
III.1.5. AMAHORO Y'ISOKO KU BUCURUZI BW'AMATUNGO (ART.10)	10
III.1.5.3. AMAHORO ATANGWA KU MPUSHYA ZO KUBAKA	10



III.1.11. AMAHORO KU BYAPA BYAMAMAZA (Art.16).....	11
III.1.13. AMAHORO KU CYAPA KIRANGA UBWATO (Art.21)	12
III.1.15. AMAHORO KU MINARA Y'ITUMANAHO (Art. 22).....	12
III.1.16. AMAHORO KU BWIKOREZI BW'IBIKOMOKA KURI KARIYERI, UKO IKINYAKIZIGA KIJE GUPAKIRA (Art.23).....	12
III.1.17. AMAHORO Y'AMAZU Y' AKARERE AKODESHWA	12
III.1.19. UBUKODE KU MA BOUTIQUES N'IBISIMA BYO MU ISOKO.....	13
III.1.21. IBIHANO BINYURANYE MU KARERE	14
III.1.22. URUTONDE RW'IBYAHA BYO KWANGIZA IBIDUKIKIJE N'AMANDE AGENEWE ABANGIZA IBIDUKIKIJE.	15
III.1.23. IBIHANO BIJYANA NO KUBAKA MU MUJYI HADAKURIKIJE AMATEGEKO.....	17
III.1.24. IBIHANO BIJYANA NO KUBAGIRA AHATEMEWE	17
III.1.25. IBIHANO BIJYANA NO KUTITABIRA UMUGANDA N'IRONDO	17
III.1.26. IBIHANO KU BAKORERA HANZE Y'AGAKIRIRO :	18
III.1.27. IBINDI BIHANO.....	20
III.1.28. KUJABURA IMICANGA MU MIGEZI.....	20
III.1.29. KUBYAZA UMUSARURO IBIROMBE BYA KARIYERI ZA LETA.....	20
